REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'UMUTUNGO KAMERE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 575813
Fax: +250 585755
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°03/2017: **Taliki ya 1–31 Mutarama 2017**

Ryoherejwe kuwa 2 Gashyantare 2017

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Mutarama 2017; cyagaragaje imvura iri munsi y'iyo dusanzwe tubona muri rusange uretse ubupimiro bwa Rubavu, Muhanga na Gitega bwagaragaje imvura iri hejuru gato y'iyo dusanzwe tubona.
- **Ububobere bw'ubutaka** bwaragabanutse mu bice bibri byambere by'ukwezi kwa Mutarama, buniyongera mu gice cya gatatu ari nacyo cyanyuma
- **Ukwezi kwa Gashyantare 2017;** hateganyijwe imvura **iziyongera** tugana mu mpera z'ukwezi

I. Iriburiro

Intara y'Amajyaruguru ndetse n'Intara y'Uburasirazuba hagaragaye imvura iri munsi y'iyo dusanzwe tubona muri Mutarama; naho ahandi mu gihugu haboneka imvura iri hejuru gato y'iyo dusanzwe tubona muri Mutarama.

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Mutarama_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Mutarama_ 2017	Mutarama
Kigali (Kanombe)	41.9	72.1
Rusizi (Kamembe)	117.8	143.8
Rubavu (Gisenyi)	90.2	81.2
Nyamagabe (Gikongoro)	110.8	130.5
Ngoma (Kibungo)	35	82.6
Gicumbi (Byumba)	29.6	62.2
Bugarama	127.2	134.7
Musanze (Ruhengeri)	40.9	67.9
Gitega	110.6	45.2
Rubengera	121.9	82.3
Byimana	34.2	109.7
Kawangire	15.8	71.6
Nyagatare	19.8	26.1

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Mutarama_2017; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Mutarama_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Mutarama



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ukuboza_2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukuboza



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Mutarama_2017 mu buryo burambuye

Imvura yabonetse yari nke mu Burasirazuba, Amajyaruguru ndetse n;Amajyepfo by'u Rwanda naho mu gihugu hagati ugana uburengerazuba haboneka imvura yiyongereye kuyo dusanzwe tubona muri Mutarama (reba **Ikarita1&2**). Bitandukanye cyane n'imvura yabonese mu kwezi k'Ukuboza_2017; aho ibyo bice byavuzwe haruguru byabonye imvura nke aribyo byabonye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe iboneka mu bice by;u Rwanda muri Mutarama (reba **Ikarita3&4**).

a) Intara y'Iburasirazuba

Ubupimiro bwose bw'iyi Ntara bwagaragaje imvura nke kuyo dusanzwe tubona muri Mutarama (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

b) Intara y'Amajyaruguru

Ubupimiro bwose bw'iyi Ntara bwagaragaje imvura nke kuyo dusanzwe tubona muri Mutarama (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

c) Intara y'Amajyepfo

Agace kegereye ishyamba rya Nyungwe kagaragaje imvura iri ku kigereranyo cy'iyo dusanzwe tubona, mu gihe ahandi hose muri iyi Ntara hagaragaye imvura nke kuyo dusanzwe tubona muri Mutarama (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

d) Intara y'i Burengerazuba

Ubupimiro bwose bwerekanye imvura iri mu kigero cy'iyo dusanzwe tubona muri Mutarama (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

e) Umujyi wa Kigali

Mu gihugu hagati hagaragaye imvura nyinshi ugereranyije na henshi mu gihugu ariko uburasirazuba bw'Umujyi wa Kigali ho haboneka imvura nke (reba **Imbonerahamwe ya1** n'**Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mutarama 2017 igice cya mbere Ikarita6: Mutarama 2017 igice cya kabiri Ikarita7: Mutarama 2017 igice cya gatatu

Muri Mutarama_2017; amafoto y'icyogajuru yerekana ubugabanuke bw'ububobere mu gice cya 2 cya Mutarama, na none kandi akerekana ubwiyongere mu gice cya gatatu ari nacyo cya nyuma (cyane cyane ahegereye ishyamba rya Nyungwe ndetse no mu Birunga reba **Ikarita 5, 6&7**)

Muri Gashyantare_2017; hateganijwe imvura iziyongera tugana mu mpera z'ukwezi.

Abahinzi barasabwa gushyira mu bikorwa ingamba zose mu gufasha imirimo yo mu mirima

Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Gashyantare 2017

Hateganijwe imvura iziyongera tugana mu mpera z'ukwezi:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe ibicu byiganje n'imvura ishyira mu mpera za Gashyantare_2017

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe ibicu byiganje n'imvura ishyira mu mpera za Gashyantare_2017

Intara y'Uburengerazuba; hateganijwe ibicu byiganje n'imvura nke mu bice byinshi by'iyi Ntara.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe ubwiganze bw'ibicu ndetse n'imvura nke.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe imvura nke cyane cyane ibice byegereye ishyamba rya Nyungwe.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)